East African Community

EAC SIMPLIFIED GUIDE

Incamake y'igitabo cy'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba kigenewe ibigo by'ubucuruzi bito cyane, bito n'ibiciriritse ku bucuruzi bwambukiranya imipaka bw'ibikomoka k'ubuhinzi byangirika



Iyi ncamake y'igitabo yanditswe na Dorothy M. Tuma yandika ibyo yakuye mu biganiro n'izindi nyandiko zashyizwe ahagaragara ku bikorwa rusange.

IJAMBO RY'IBANZE

Umuryango w'ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba (EAC) ukomeje gushyiraho amasezerano ku buryo bwimbitse bwo guhuza ibikorwa by'ubumwe bwa za gasutamo hamwe n'isoko rusange. Intego yo kwishyira hamwe kw'ibihugu by'Afurika y'iburasirazuba ni ugushyiraho akarere kamwe gahuriweho, gashoboye guhangana mu ruhando mpuzamahanga kandi gakorera hamwe, aho abantu, ibicuruzwa, serivisi no gushora imari bikorwa cyangwa bigenda m'ubwisanzure. Kubera iyo mpamvu, amasezerano ya 6 y'iterambere ry'ibihugu by'Afurika y'iburasirazuba ashyira imbere ingamba zo gukemura ibibazo by'ubucuruzi n'ishoramari kugira ngo bikureho inzitizi z'ubucuruzi no kuzamura ihatana, gukuraho ibibujijwe mu bucuruzi (NTBs), gushimangira ubucuruzi hagati y'ibihugu biri mu muryango w'Afurika y'iburasirazuba n'uruhare rw'ibigo by'ubucuruzi bito cyane, bito n'ibiciriritse (MSMEs), n'ibindi.

Kimwe mu bibujijwe mu bucuruzi (NTB) kibangamira ubucuruzi mu karere kose ku bigo by'ubucuruzi bito cyane, bito n'ibicirirtse ni ukutagira amakuru yoroshye kumva no gusobanuka. Mu kurwanya ibi, umuryango w'Afurika y'iburasirazuba, k'ubufatanye na GFA/GIZ handitswe iki gitabo gitanga amakuru k'uburyo bworoshye kandi bwuzuye kikaba cyaranditswe nk'igikoresho cyoroheje/igikoresho gikubiyemo amakuru agezweho hamwe n'amakuru ajyanye na politiki ihari, inzira, ibisabwa, amategeko y'inkomoko, imisoro, amahoro, ubusonerwe n'ibikorwaremezo bihari bikenerwa n'ibigo by'ubucuruzi bito cyane, bito n'ibiciriritse, bikora ubucuruzi bwambukiranya imipaka kugira ngo bishobore gucuruza mu karere.

Umuryango w'Afurika y'iburasirazuba uboneyeho umwanya wo gushimira byimazeyo Repubulika y'Ubudage, ibinyujije kuri Deutsche Gesellschaft für Internationale Zusammenarbeit (GIZ) muri gahunda yayo ya GIZ-EAC mu gushyigikira gahunda yo kwishyira hamwe kw'isoko rya Afurika y'iburasirazuba na gahunda yo kwihuza gushingiye ku baturage (SEAMPEC) yashyizwe mu bikorwa n'umushinga w'inganda zo kongerera agaciro ibicuruzwa zo mu karere (RIVA) ku nkunga yatanzwe mu buryo bw'amafaranga na tekiniki mu kwandika iki gitabo cyoroheje kigenewe ibigo by'ubucuruzi bito cyane, bito n'ibiciriritse k'ubucuruzi bw'ibikomoka k'ubuhinzi byangirika, Amatungo n'ibisa n'ibyo bicuruzwa bukorerwa hagati mu karere.

Turashimira kandi Abagore bakora Ubuhinzi, Ubucuruzi, Gasutamo n'inzobere mu by'Inganda baturuka mu bihugu binyamuryango mu muryango w'Afurika y'Iburasirazuba ku ruhare rwabo mu gutegura iki gitabo.

Nyakubahwa Dr. Peter Mathuki
Umunyamabanga Mukuru
Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba

Table of Contents

	Ijambo Ry'ibanze	i
	Intangiriro	iii
1	Umuryango W'afurika Y'iburasirazuba	1
2	Koroshya Ubucuruzi – Ubucuruzi Bwihuse, Bworoshye	2
3	Inyandiko Zisabwa	12
4	Ibikenerwa Mu Kohereza/Gutumiza Ibicuruzwa Mu Bihugu By'umuryango W'afurika Y'iburasirazuba	27
5	Amakuru Y'ingenzi Ku Misoro	35
6	Inyandiko Zemewe Z'ingendo	37
7	Amabwiriza Y'umuryango Wita K'ubuzimaKw'isi Kuri Covid-19	39
8	Aho Kujya Gushakira Ubufasha	40

Impine Z'amagambo

AEO	Ukora imirimo y'Ubukungu Wemewe
COMESA	Isoko Rusange ry'Afurika y'Iburasirazuba n'Amajyepfo
COO	Icyemezo cy'inkomoko
EAC	Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba
MSME	Ikigo cy'ubucuruzi Gito cyane, Gito n'Igicirirtse
OSBP	Ahakorera Umupaka Uhuriweho
SCOO	Icyemezo cyoroheje cy'inkomoko
STR	Uburyo bworoheje bw'ubucuruzi
WCO	Umuryango uhuza za gasutamo ku isi

INTANGIRIRO

Kuva ibikorwa byatangira muri Nyakanga 2000, Umuryango w'Afurika y'iburasirazuba (EAC) wakomeje gukurikirana ishyigikirwa ry'ibikorwa by'ingenzi byagezweho mu karere. Umuryango w'Afurika y'iburasirazuba rero washyize mu bikorwa ingamba nyinshi zo guteza imbere urujya n'uruza rw'ibicuruzwa na serivisi ku buntu ku mipaka.

Nubwo ibyavuzwe haruguru byakozwe ariko, imwe mu nzitizi zibangamira ubucuruzi igora ibigo by'ubucuruzi bito cyane, bito n'ibiciriritse (MSMEs) ni ukubura uburyo bworoshye bwo kubona amakuru no kutabasha kuyumva aho aboneka. Abacuruzi babona ko bigoranye kubona amakuru ku bicuruzwa na serivisi byemewe mu bucuruzi muri buri gihugu kinyamuryango mu bigize umuryango w'Afurika y'iburasirazuba, ibipimo ngenderwaho n'byemezo by'impushya zisabwa, imisoro n'amahoro biteganijwe muri buri gihugu kinyamuryango, amategeko yo gutumiza no kohereza ibicuruzwa mu mahanga muri buri gihugu kinyamuryango, ibikenerwa mu gukora ubucuruzi, n'ubugenzuzi, amategeko y'inkomoko n'ibikurikizwa kuri za gasutamo, n'ibindi bisobanuro by'ingenzi byakenerwa kugira ngo ubucuruzi bukorwe neza mu karere. Byongeye kandi, abacuruzi ntibazi aho bajya gushakira ubufasha kugira ngo bakemurirwe ibibazo bahura na byo mu gihe bacuruza cyangwa aho bajya gutangira ibibazo byabo.

Biteganijwe ko ukuboneka kw'igitabo cyoroheje kijyanye n'uburyo bukurikizwa ku mategeko agenga ubucuruzi mu muryango w'Afurika y'iburasirazuba, amabwiriza n'uburyo bukoreshwa ku bicuruzwa byangirika bikomoka k'ubuhinzi bizagira akamaro mu kuyobora ibigo by'ubucuruzi bito cyane, bito n'ibiciriritse bikora ubucuruzi bw'ibyo bicuruzwa. Iki gitabo kiribanda ku bicuruzwa byangirika bikomoka ku buhinzi (imbuto zigisarurwa, imboga, ibinyabijumba n'intete), amatungo, inkoko n'ibicuruzwa bifitanye isano (inyama, ibikomoka ku nyama, amagi n'amata).

1

UMURYANGO W'AFURIKA Y'IBURASIRAZUBA

Ubunyamabanga bw'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba (EAC) ni umuryango uhuriweho na za guverinoma harimo iya Repubulika y'Uburundi, Kenya, u Rwanda, Sudani y'Amajyepfo, Uganda na Repubulika yunze ubumwe ya Tanzaniya bukaba bufite icyicaro i Arusha, muri Tanzaniya.

Amasezerano yo gushyiraho Umuryango w'Afurika y'iburasirazuba yashyizweho umukono ku ya 30 Ugushyingo 1999 atangira gukurikizwa ku ya 7 Nyakanga 2000

Kuva icyo gihe ibihugu by'abafatanyabikorwa b'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba byashyizeho:

1. Amasezerano y'ubumwe bwa za gasutamo (2005) – kugira ngo byoroshye urujya n'uruza rw'ibicuruzwa;

2. Amasezerano y'isoko rusange (2010) – kugira ngo byoroshye urujya n'uruza rw'abakozi, abantu, serivisi, no gushora imari mu bihugu bigize akarere k'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba, na

3. Amasezerano yo gushyiraho uburyo bwo guhuza iby'imari (2013) - azaganisha k'ugushyiraho ifaranga rimwe mu bihugu by'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba.

Ibihugu bigize umuryango wa Afurika y'iburasirazuba bigamije kandi gushyiraho ihuriro rya politiki z'ibihugu bya Afurika y'iburasirazuba mu bihe biri imbere.

2

KOROHEREZA UBUCURUZI – UBUCURUZI BWIHUSE, BWOROSHYE

Ibihugu bifatanyabikorwa by'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba byashyizeho uburyo bushya butandukanye bwo gukora ubucuruzi bwihuse kandi bworoshye hagati mu bihugu bigize umuryango w'Afurika y'iburasirazuba. Kugira ngo haboneke inyungu zuzuye ziturutse ku ngamba zose, ukora ubucuruzi agomba kwandikisha kompanyi ye. Urutonde rukurikira rurerekana zimwe mu ngamba zorohereza ubucuruzi.

1. Imipaka ihuriweho

Imipaka ihuriweho (OSBPs) ni urugero rw'ingamba zorohereza ubucuruzi zashyizweho mu koroshya ubucuruzi hagati y'ibihugu bifatanyabikorwa by' umuryango w'Afurika y'iburasirazuba. Umupaka uhuriweho (OSBP) bivuga gahunda zose zitandukanye (amategeko, imiterere y'inzego n'uburyo ibikorwa bikorwa) ibihugu bifatanyabikorwa by' umuryango w'Afurika y'iburasirazuba byumvikanyeho kandi bigashyirwaho kugira ngo bishoboke ko ibicuruzwa, abantu n'imodoka byambuka umupaka uhuriweho n'ibihugu by' umuryango w'Afurika y'iburasirazuba bihagarara rimwe gusa, bikorerwe mu nyubako imwe (cyangwa ahakorerwa) mu gihe bava mu gihugu kimwe bajya mu kindi gihugu ku mupaka uhuriweho n' umuryango w'Afurika y'iburasirazuba.

Inzego zose za Leta zifite uruhare mu kugenzura imipaka (gasutamo, ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka, ibigo by'ubuzima, ibigo bishinzwe ubuziranenge, ibigo bishinzwe ubuhinzi, n'ibindi) zituruka mu bihugu byombi bituranye byose biboneka mu nyubako imwe.

AUmupaka uhuriweho ugabanya igihe gisabwa mu kwambuka umupaka kandi ukoroshya ibisabwa ku mupaka mu imenyekanisha. Aho guhagarara kabiri ahakorera imipaka ibiri itandukanye ku mpande zombi zitandukanye z'umupaka, abacuruzi bambuka imipaka ahari umupaka uhuriweho bahagarara rimwe gusa ku mupaka uhuriweho mu **gihugu bagiyemo.**

Urugero, mu gihe uri kuva muri Uganda ujya muri Kenya unyuze ku mupaka wa Busiya, uzanyura ku mupaka uhuriweho. Ntuzakenera guhagarara kuri ku mupaka uhuriweho wa Busiya-Uganda. Ahubwo, uzahita ukomeza werekeza ku mupaka uhuriweho wa Busiya-Kenya, aho uzasangamo abahagarariye ibigo

by'umupaka wa Kenya na Uganda mu nyubako imwe. Abashinzwe buri mupaka uhuriweho bakora gusa ibijyanye n'ingendo z'abinjira. Umupaka uhuriweho wa Busiya-Kenya ukora gusa ibijyanye n'ingendo zinjira muri Kenya. Umupaka uhuriweho wa Busiya-Uganda ukora gusa ibijyanye n'ingendo zinjira muri Uganda. Ibikorwa mu gusohoka cyangwa kwinjira bikorerwa mu nyubako imwe, bigatuma kwambuka umupaka byoroha kandi bikihuta. Hano hasi hari ubwoko butandukanye bw'imipaka ihuriweho.

GUHAGARARA KU MUPAKA ARI HABIRI

Mbere aho guhagarara ku mupaka ari habiri, abagenzi n'imodoka bahagarara ku bice byombi by'umupaka mu kwerekana ibisabwa mu kwambuka umupaka.



Ihuriweho mu bihugu byombi (buri gihugu kikaba gifite ibiro by'umupaka mu kindi gihugu byegeranye)

- Aho bakorera hamwe muri buri gihugu, igihugu cya A n'igihugu cya B biba bisangiye ibikorwaremezo mu gihugu cyinjirwamo.
- Abagenzi n'ibinyabiziga ntibahagarara mu gihugu basohokamo. Bahagarara rimwe gusa mu gihugu binjiyemo, aho ibikenerwa ku mupaka mu gosohoka no kwinjira bikorerwa hamwe.
- Mu gihugu cyinjirwamo, ibikenerwa mu gusohoka bikorwa mbere y'uko ibikenerwa mu kwinjira bikorwa.
- Urugero, Taveta Kenya / Holili Tanzaniya na Tanzaniya, Malaba Kenya / Malaba Uganda na Busiya Kenya / Busiya Uganda.



Igihugu A	Imipaka ihuriweho muri buri gihugu (Juxtaposed OSBP)	Igihugu B
Kenya	Taveta / Holili	Tanzaniya
Kenya	Malaba	Uganda
Kenya	Busia	Uganda

Ibikorwaremezo byubatse mu rubibi rw'ibihugu byombi (ibiro bimwe by'imipaka isangiwe yubatse mu murongo ugabanya ibihugu)

- Hano, igihugu cya A n'igihugu cya B bisangira inyubako imwe yubatswe mu mbibi z'ubutaka bw'ibihugu byombi.
- Abagenzi n'ibinyabiziga bahagarara rimwe gusa ku mupaka. Ibikenerwa mu gusohoka bikorwa mbere y'uko ibikenerwa mu kwinjira bikorwa.
- Urugero, Nemba y'u Burundi/Gasenyi yo ku mupaka w'u Rwanda



Igihugu A	Imipaka ihurira mu rubibi rw'ibihugu byombi (Straddled OSBP)	Igihugu B
Burundi	Nemba/ Gasenyi	Rwanda

Ibiro by'umupaka biri mu gihugu kimwe gusa (Ibiro by'abashinzwe umupaka byubatswe mu gihugu kimwe gusa)

- Hano igihugu cya A n'igihugu cya B ibsangira ibiro by'umupaka byubatse gusa muri kimwe mu bihugu biwuhuriyeho.
- Abashinzwe ibikorwa by'umupaka bakorera ahantu hamwe gusa.
- Abagenzi n'ibinyabiziga bahagarara rimwe gusa ku mupaka. Ibikenerwa mu gusohoka bikorwa mbere y'uko ibikenerwa mu kwinjira bikorwa.
- Urugero, Ruhwa Burundi ku mupaka n'u Rwanda



Igihugu A	Ibiro by'abashinzwe umupaka byubatswe mu gihugu kimwe gusa (Wholly located OSBP)	Igihugu B
Burundi	Ruhwa in Burundi	Rwanda

2.Porogaramu ya mudasobwa yifashishwa yonyine n'abamenyekanisha ibicuruzwa

Iyi porogaramu ya musadobwa ikoreshwa gusa n'amasosiyete yiyandikishije, ni porogaramu ya mudasobwa iboneka mu gihugu yemerera abasora kohereza amakuru ajyanye n'ibigenderwaho mu kohereza/gutumiza ibicuruzwa mu mahanga hamwe n'inyandiko zikenewe kugira ngo huzuzwe ibisabwa byose mu gutumiza/kohereza ibicuruzwa mu mahanga n'aho bizanyura binyujijwe ahantu hamwe ho kubimenyekanisha, muri sisitemu yo kuri interineti ishobora kugerwaho n'abashinzwe ibikorwa byo gutumiza no kohereza ibicuruzwa mu mahanga bose. Ibi bivanaho ugusiragira uva mu biro bimwe ujya mu bindi kandi bigabanya igihe cya ngombwa mu isesengura no kwemeza inyandiko.

Iyo amakuru amaze kwinjizwa muri sisitemu (mu bisanzwe bikorwa n'umukozi ushinzwe kumenyekanisha ibicuruzwa), urubuga rwa interineti rusangiza amakuru n'inyandiko byoherejwe ku nzego zishinzwe koroshya ubucuruzi. Inzego zinyuranye zishinzwe kumenyekanisha ibicuruzwa zishobora noneho gutanga ibyemezo bikenewe no gukurikiza ibisabwa byose hakoreshejwe ikoranabuhanga. Abafite uruhare bose mu bucuruzi bwo mu karere (urugero: ibigo bya leta - abashinzwe za gasutamo, abagenzuzi b'ubuzima n'ubuziranenge - kimwe n'abakozi bashinzwe kumenyekanisha ibicuruzwa, abatwara abantu n'ibintu, abakora ubwikorezi hakoreshejwe indege, amabanki, abatumiza n'abohereza ibicuruzwa mu mahanga) bashobora kubona amakuru n'inyandiko mu buryo bwizewe (byamaze kwemezwa), binyuze ku rubuga rumwe kuri interineti mu rwego rwo kurangiza ibikenerwa mu imenyekanisha buri wese akora inshingano ze.

ELECTRONIC SINGLE WINDOW



3. Abakora imirimo y'ubukungu bemewe (AEOs)

Umuryango mpuzamahanga wita kuri za gasutamo (WCO) ni urwego mpuzamahanga, rwigenga, rugizwe n'abahagarariye za guverinoma rufite intego yo kureba niba ubuyobozi bwa za gasutamo bwakongera imikorere myiza no kugera ku ntego. Mu yandi magambo, umuryango mpuzamahanga wita kuri za gasutamo ufasha ubuyobozi bwa gasutamo z'abanyamuryango kunoza imikorere y'inshingano zabwo mu gukoresha amafaranga yabwo. Ibigo bishinzwe kwinjiza imisoro n'amahoro byo mu bihugu bifatanyabikorwa by'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba byose ni ibinyamuryango by'umuryango mpuzamahanga wita kuri za gasutamo.

Urwego rw' umuryango mpuzamahanga wita kuri za gasutamo rushinzwe ubuziranenge bigamije gutanga umutekano no koroshya ubucuruzi ruzwi nka "SAFE Framework of Standard" rusobanura Ukora Imirimo y'Ubukungu Wemewe (AEO) nk'uruhande rufite uruhare m'urujya n'uruza mpuzamahanga rw'ibicuruzwa, uko rwakorwa uko ari ko kose, byemejwe, cyangwa mu izina ry'ubuyobozi bwa gasutamo y'igihugu bwubahiriza ibisabwa n'umuryango mpuzamahanga wita kuri za gasutamo cyangwa ibigenderwaho mu mutekano w'inzira z'ibicuruzwa.

Rero, Abakora Imirimo y'Ubukungu Bemewe (AEOs) ni abashoramari (abantu ku giti cyabo, kompanyi cyangwa ibigo by'ubucuruzi) bari mu bohereza cyangwa batumiza ibicuruzwa mu mahanga kandi:

1. Banditswe mu buryo bwemewe n'amategeko gukorera mu gihugu cyabo
2. Batanga imisoro
3. Bakora ibikorwa byo kohereza/gutumiza ibicuruzwa mu mahanga bijyanye n'ibigenwa n'umuryango mpuzamahanga wita kuri za gasutamo
4. Basabye ubuyobozi bwa gasutamo z'igihugu kubemera nk'Abakora imirimo y'Ubukungu bemewe kandi bakabihererwa icyemezo. Ibisabwa cyangwa ibigenderwaho kugira ngo ube ukora imirimo y'ubukungu wemewe mu bihugu byose by'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba ni bimwe.

Abakora imirimo y'ubukungu bemewe harimo abanyenganda, abacuruzi, abatumiza ibicuruzwa mu mahanga, abohereza ibicuruzwa mu mahanga, abavunja amafaranga, abakora ubwikorezi, abahuriza ibicuruzwa hamwe, abarangura ibicuruzwa bakabiranguza abandi, ibyambu, ibibuga by'indege, abakora ibikorwa binyuranye mu bucuruzi, abakora ibikorwa bivangavanze by'ubucuruzi, inzu z'ububiko hamwe n'abakwirakwiza ibicuruzwa.

Ibyiyongera k'ukwihutisha imenyekanisha, abakora imirimo y'ubukungu bemewe bashyirwa imbere mu kumenyekanisha imizigo, ntihakurikizwe amategeko asabwa mu ngendo no kubasubiza byihuse amafaranga mu gihe basabye kuyasubizwa

4. Imiyoboro y'amakuru y'ubucuruzi

Imiyoboro y'ikoranabuhanga y'amakuru y'ubucuruzi itanga intambwe ku yindi ibisabwa kugira ngo haboneke impushya, ibisabwa mu kumenyekanisha ibicuruzwa, uko ubufasha bwaboneka ndetse no kubona uburyo bwo gutanga raporo ku rwego rw'igihugu ku bibujijwe mu bucuruzi (NTBs). Urubuga rw'ubucuruzi rw'ibihugu bigize akarere k'umuryango w'ibihugu bya Afurika y'iburasirazuba (https://tradehelpdesk.eac.int/) ruhujwe n'imbuga z'amakuru y'ubucuruzi muri buri gihugu mu bigize umuryango wa Afurika y'iburasirazuba.



Abacuruzi bafite ibikorwa binini cyane kuburyo bidashobora kugurishwa mu buryo busanzwe bworoshye mu bucuruzi, imiyoboro itanga amakuru y'ubucuruzi ibagirira akamaro cyane.

5. Uburyo bworoheje bw'ubucuruzi

Uburyo bworoheje bw'ubucuruzi (STR) bwashyizweho mu rwego rwo korohereza no kwihutisha abacuruzi bacirirtse bambukiranya imipaka hamwe n'ibicuruzwa byeze cyangwa bikorerwa mu bihugu by'umuryango wa Afurika y'iburasirazuba (mu yandi magambo, ibicuruzwa bikomoka muri Afurika y'iburasirazuba) bigacuruzwa mu bindi bihugu bya Afurika y'iburasirazuba.

Uburyo bworoheje bw'ubucuruzi bwemewe ku bicuruzwa bibarirwa agaciro katarengeje 2000 by'amadorali y'Amerika.

3

INYANDIKO ZISABWA

Abatumiza n'abohereza ibicuruzwa byangirika mu mahanga bikomoka ku buhinzi byasaruwe muri Afurika y'iburasirazuba bigurishwa mu bihugu by'Afurika y'iburasirazuba bishobora kuba muri kimwe mu byiciro bibiri bitandukanye:
Icyiciro cya 1: Ingano y'ibicuruzwa bifite agaciro kangana cyangwa kari munsi y'amadorali y'Amerika 2000;
2: Ingano y'ibicuruzwa bifite agaciro karenga 2000 by'amadorali y'Amerika.

Abacuruzi bafite ibicuruzwa bifite agaciro kangana cyangwa kari munsi y'amadorali y'Amerika 2000 bujuje ibisabwa kugira ngo bishyirwe mu buryo bworoheje bw'ubucuruzi. Abacuruzi bafite ibicuruzwa bifite agaciro karenze amadorali y'Amerika 2000 bakurikiza uburyo busanzwe bwo gutumiza/kohereza ibicuruzwa mu mahanga.

Abacuruzi bose bakora ubucuruzi bw'ibicuruzwa byose byangirika bikomoka k'ubuhinzi n'ibicuruzwa bikomoka ku matungo (urugero: amatungo, inkoko n'ibicuruzwa bizikomokaho) basabwa kwerekana ibicuruzwa byabo kugira ngo hagenzurwe ubuzima n'ubuziranenge bwabyo ku mupaka.

Mu gihe abacuruzi bose bacuruza ibikomoka ku matungo bagomba kubona ibyemezo byanditse byerekana ko ibicuruzwa byabo byubahirije ibipimo by'ubuzima n'uubuziranenge, ibisabwa kugira ngo hatangwe ibyangombwa byanditse bishobora gukurirwaho abacuruzi bacuruza ibikomoka ku buhinzi bacuruza mu buryo bw'ubucuruzi bworoheje.

Abacuruzi barashishikarizwa kumenya ibisabwa ku mupaka bateganya gukoresha kuko:

1. gukurirwaho ibyangombwa byavuzwe haruguru ntibikorerwa ku mipaka yose, kandi
2. ibisabwa ku mipaka iyo ari yo yose rimwe na rimwe bishobora guhinduka.

Hejuru cyangwa munsi ya 2000 y'amadorari y'Amerika?

Arangana Cyangwa munsi ya 2000 y'amadorari y'Amerika?

Hejuru ya 2000 y'amadorari y'Amerika?

Uburyo bworoheje bw'ubucuruzi

Uburyo busanzwe bwo gutumiza/kohereza ibicuruzwa mu mahanga

- Ibisabwa bikorwa nta mashini
- Impapuro zitegurwa na za gasutamo cyangwa umukozi ushinzwe gutanga amakuru

-Ibisabwa bikorerwa kuri interineti
- Kugira ukora imenyekanisha

Ibi bikurikira ni urutonde rw'inyandiko zisabwa.

Inyandiko zisabwa

Inyandiko	Uburyo bw'ubucuruzi bworoheje	Uburyo busanzwe bwo gutumiza/ kohereza ibicuruzwa mu mahanga
Uruhushya rwo kohereza ibicuruzwa mu mahanga (Rutangwa n'igihugu ibicuruzwa biturutsemo)	Rushobora gukurwaho ku bicuruzwa bikomoka ku buhinzi	X
Inyemezabwishyu (itangwa n'igihugu ibicuruzwa biturutsemo)	X	X
Icyemezo cy'inkomoko cyoroheje (gitangwa n'igihugu ibicuruzwa biturutsemo)	X	X
Icyemezo cy'ubuziranenge – ibicuruzwa byavuye mu nganda (itangwa n'igihugu ibicuruzwa biturutsemo)	Gishobora gukurwaho	X
Icyemezo cy'ubuzima cyangwa cy'ubuzima bw'ibimera (itangwa n'igihugu ibicuruzwa biturutsemo)	Gishobora gukurwaho ku bicuruzwa byangirika bikomoka ku buhinzi	X
Icyemezo cyo gutumiza ibicuruzwa mu mahanga cyangwa uruhushya rwo gutumiza ibihingwa mu mahanga – rutangwa gusa nyuma y'uko ibicuruzwa byamaze kugenzurwa kandi bikagaragara ko byujuje ibisabwa by'ubuzima n'umutekano (rutangwa n'igihugu ibicuruzwa bitumizwamo)	Gishobora gukurwaho ku bicuruzwa byangirika bikomoka ku buhinzi	X
Icyemezo cyerekana ko igicuruzwa kidakwirakwiza imirasire yangiza (gitangwa ku bicuruzwa byatumijwe bijya mu gihugu cya Tanzaniya)		X
Urupapuro rwo gusobanura isuzumwa ry'imitwaro (Imipaka y'igihugu cyatumije ibicuruzwa mu mahanga)	X	Si ngombwa
Inyandiko imwe yo mu buyobozi (Ushinzwe imenyekanisha)	Si ngombwa	X

1. Uruhushya rwo kohereza ibicuruzwa mu mahanga
Abacuruzi biyandikishije hamwe n'amasosiyete y'ubucuruzi yiyandikishije bifuza kohereza ibicuruzwa mu mahanga basabwa kwiyandikisha mu kigo cy'igihugu gishinzwe kohereza ibicuruzwa mu mahanga no gusaba uruhushya rwo kohereza ibicuruzwa mu mahanga. Abacuruzi batiyandikishije cyangwa bakora nk'abacuruzi batazwi ntibakenera iki cyemezo.

2. Inyemezabuguzi/Inyemezabwishyu
Abacuruzi bifuza kohereza/gutumiza ibicuruzwa mu mahanga bagomba gutanga ibimenyetso byerekana agaciro cyangwa ikiguzi cy'ibicuruzwa byangirika bikomoka ku buhinzi barimo gucuruza. Ibi bituma: (1) hanozwa uburyo bwo gushyira mu byiciro, ibicuruzwa bikaba byashyirwa mu cyiciro cy'uburyo bworoheje bw'ubucuruzi cyangwa bigashyirwa mu buryo busanzwe bwo gutumiza/kohereza ibicuruzwa mu mahanga ndetse no (2) Guteganya amafaranga y'umusoro ashobora gusabwa ku bicuruzwa runaka bityo, hakanateganywa umusoro ufatirwa aho wishyurizwa mu kwinjira mu gihugu cyatumije ibicuruzwa mu mahanga, iyo bigomba gukorwa.

3. Icyemezo cyoroheje cy'inkomoko
Icyemezo cy'inkomoko (COO) gihamya ko ibicuruzwa byanditswe ku cyemezo byakorewe cyangwa bihingwa mu gihugu cyatanze icyemezo cy'inkomoko. Niba ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga bigizwe n'imboga zahinzwe muri Kenya, Kenya itanga icyemezo cy'inkomoko yemeza ko imboga zahinzwe muri Kenya.

Icyemezo cyoroheje cyinkomoko (SCOO) ni kigufi cyane kandi cyoroshye kucyuzuza kuruta ikindi cyemezo cy'inkomoko cyo kiba ari kirekire. Icyemezo cyoroheje cy'inkomoko gikoreshwa mu bicuruzwa bingana cyangwa bitarengeje agaciro k'amadorali y'Amerika 2000. Impapuro z' icyemezo cyoroheje cy'inkomoko zihabwa abacuruzi **ku buntu.**

Ibicuruzwa bigomba guherekezwa n'icyemezo cyoroheje cy'inkomoko kugira ngo byemererwe **gukurirwaho amahoro** y'ibyinjizwa mu kindi gihugu cy'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba. Niba umucuruzi avuze ko inyanya zitumijwe n'u Rwanda zahinzwe muri Tanzaniya kandi zikaba zidafite icyemezo cyoroheje cy'inkomoko kiziherekeje cyatanzwe na Tanzaniya, uwo mucuruzi azishyuzwa amahoro ku nyanya igihe azaba azinjiza mu Rwanda.

Amategeko y'inkomoko
Kugira ngo iyishyurwa ry'amahoro rikurweho mu bihugu bya Afurika y'iburasirazuba ibicuruzwa bigomba kuba byujuje byibuze kimwe mu bisabwa bibiri bijyanye n'inkomoko yabyo.

Itegeko rya 1: Ibicuruzwa bigomba kuba 100% bifite inkomoko mu bihugu by' Afurika y'iburasirazuba, nta byatumijwe hanze mu bikoresho bikigize. Ingero zirimo umusaruro ugisarurwa, ibikomoka ku mabuye y'agaciro, inyamaswa nzima n'ibicuruzwa bizikomokaho kimwe n'ibicuruzwa biva mu guhiga cyangwa kuroba.

Itegeko rya 2: Ibicuruzwa byakorewe mu nganda birimo ibyakoreshejwe byatumijwe mu mahanga bigomba kuba byaratunganijwe mu buryo bwuzuye cyangwa bigahindurwa mu miterere cyangwa uko bigaragara bikaba byarakorewe mu bihugu by'Afurika y'iburasirazuba, nkuko bigenwa na za gasutamo hashingiwe ku mategeko agenga inkomoko.

Amategeko y'inkomoko – Ingero zimwe na zimwe
Niba umunyaruganda atumiza umutobe w'amacunga hanze y'ibihugu bigize umuryango w'Afurika y'iburasirazuba akawuzana muri Kenya, akongeramo isukari, akongera agapfunyika umutobe w'amacunga hanyuma uwo mutobe w'amacunga akawohereza mu Rwanda, uwo mutobe w'amacunga wongerewe uburyohe ntabwo wujuje ibisabwa nk'igicuruzwa gifite inkomoko mu bihugu by'Afurika y'iburasirazuba. Ugushyira isukari gusa no kongera gupfunyika bikorewe muri Kenya ntibihagije kugira ngo umutobe w'amacunga ufatwe nk'ufite inkomoko mu bihugu bigize umuryango w'Afurika y'iburasirazuba. Umutobe w'amacunga uzakwa imisoro igihe uzaba utumijwe n'u Rwanda.

Ku rundi ruhande, niba umunyaruganda utunganya umutobe w'amacunga abikorera muri Kenya agakora umutobe w'amacunga uvuye mu macunga yahinzwe muri Kenya ubundi agatumiza ibitanga ibara byongerwa mu mutobe w'amacunga hanze y'ibihugu by'Afurika y'iburasirazuba, agapfunyika umutobe w'amacunga nyuma akawohereza mu Rwanda, bitewe n'inkomoko y'amacunga n'urwego rwo kuyatunganya byabereye muri Kenya, umutobe w'amacunga uzafatwa nk'ufite inkomoko ya Kenya kandi ntuzishyuzwa imisoro igihe uzaba utumijwe n'u Rwanda.

Aho wakura icyemezo cyoroheje cy'inkomoko ku mupaka
Impapuro zishobora kuboneka ku biro bya za gasutamo, mu nzego zishinzwe ubucuruzi, ku biro bishinzwe gutanga amakuru y'ubucuruzi ku mipaka ndetse rimwe na rimwe aho za gasutamo zatanze uburengazira bwo gukora ibyo, mu mashyirahamwe y'abagore bakora ubucuruzi bwambukiranya imipaka (urugero nko muri Busiya, Uganda).

Igihugu	Ibiro ku mupaka	Ikiguzi cy'urupapuro rw'icyemezo cyoroheje cy'inkomoko
Burundi	Ikigo cy'imisoro n'amahooro cy'u Burundi	Ntacyo
Kenya	Ikigo cy'imisoro n'amahooro cya Kenya	Ntacyo
Rwanda	Ikigo cy'imisoro n'amahooro cy'u Rwanda	Ntacyo
Tanzaniya	Ikigo cy'imisoro n'amahooro cya Tanzaniya binyujijwe mu bigo bishinzwe kumenyekanisha ibicuruzwa	Ntacyo
Uganda	Ikigo cy'imisoro n'amahooro cya Uganda n'abashinzwe amakuru y'ubucuruzi ku isoko rusange ry'Afrika y'iburasirazuba n'amajyepfo	Ntacyo
Sudani Y'epfo	Cyari kitarashyirwaho mu gihe cyo gutangaza aya mabwiriza ngenderwaho	Ntikirabaho

Nubwo nta byishyurwa mu kubona impapuro z'icyemezo cyoroheje cy'inkomoko, ibiro bishinzwe ubucuruzi bishobora kwishyuza ibyakozwe mu kuzuza urupapuro rw'icyemezo cyoroheje cy'inkomoko mu izina ry'umucuruzi. Icyemezo cyoroheje cy'inkomoko gitangwa kuri buri gikorwa kandi ntishobora gukoreshwa inshuro irenze imwe.

Ibyemezo byoroheje by'inkomoko byuzuye biragenzurwa kandi byemezwa n'ibiro bya gasutamo mu gihugu cyavuyemo umusaruro w'ubuhinzi, kizwi kandi nk'igihugu cyohereje ibicuruzwa mu mahanga.

Ikitegererezo cy'icyemezo cyoroheje cy'inkomoko cyo mu muryango w'ibihugu by'Afurika y'iburasirazuba

EAST AFRICAN COMMUNITY SIMPLIFIED CERTIFICATE OF ORIGIN

(For goods of a value not exceeding US $ 2000)

(Kwa bidhaa zenye dhamani isiyozidi US$ 2000)

1) Exporter (name, full address, country) *Msafirishaji (Jina na Anwani)*	Reference Number ..... *Kumb Na*	
2) Importer (Names & address) *Mwingizaji Bidhaa/ Jina na anuan yake)*	3)Country of Origin *Uthibitisho wa Uasili wa Bidhaa*	
4)Description of goods *(Maelezo ya Bidhaa)*	5)No. and type of packages *Namba na aina ya kifunushi*	6)Value *Thamani*
7)Declaration by Exporter/Importer *Tamko la Msafirishaji/Mzalishaji/Mgavi* I, the undersigned Mr/Mrs/Ms..... declare that the goods described above have been produced (country) .....in accordance with the EAC Rules of Origin. Signature..... *(Saini)* Place..... *(Mahali)* Date..... *(Tarehe)* Official stamp *(Muhuri)*	8)Customs Endorsement *(Uthibitisho wa Forodha)* I, the undersigned, hereby endorse the exporters' declaration and certify that the goods qualify under the EAC Rules of Origin. Signature..... ..... *(Saini)* Place..... *(Mahali)* Date..... *(Tarehe* Official stamp *(Muhuri)*	

4. Inyandiko z'Ubuzima n'Ubuziranenge

Habaho inyandiko nyinshi z'ubuzima n'ubuziranenge.

4.1 Icyemezo cyo kubahiriza ibisabwa

Icyemezo cyo kubahiriza ibisabwa gitangwa n'ibiro by'igihugu bishinzwe ubuziranenge byo mu gihugu cyohereza ibicuruzwa mu mahanga. Byemeza ko ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byasuzumwe bikaba byujuje ubuziranenge bw'igihugu bwemewe mu bwiza kandi bikaba nta kibazo byatera abantu igihe babiriye. Inyama zitunganijwe kandi zipfunyitse, ibikomoka ku nyama n'amata bigomba kuba byujuje ubuziranenge bukenewe mu bwiza. Iki ni igisabwa kidashobora gukurwaho.

Ibiro by'igihugu bishinzwe ubuziranenge bifite ku mipaka y'ibihugu byo mu muryango w'Afurika y'iburasirazuba za laboratwari zo gukora ibizamini bikenewe. Ariko ku mipaka imwe n'imwe ibicuruzwa by'icyitegererezo byoherezwa muri za laboratwari z'ibiro by'igihugu bishinzwe ubuziranenge mu murwa mukuru, bityo hakavamo gutinda.

Igihugu	Ikigo	Ikiguzi
Burundi	Ikigo cy'igihugu gishinzwe ubuziranenge & kugenzura ubwiza mu Burundi	Ikiguzi cyo gukora isuzuma gitandukana bitewe n'igicuruzwa (reba ibijyanye na buri kigo)
Kenya	Ikigo cy'igihugu gishinzwe ubuziranenge muri Kenya (KEBS)	
Rwanda	Ikigo cy'igihugu gishinzwe ubuziranenge mu Rwanda (RSB)	
Tanzaniya	Ikigo cy'igihugu gishinzwe ubuziranenge muri Tanzaniya (TBS)	
Uganda	Ikigo cy'igihugu gishinzwe ubuziranenge muri Uganda (UNBS)	
Sudani Y'epfo	Ikigo cy'igihugu gishinzwe ubuziranenge muri Sudani y'epfo (SSNBS)	

4.2 Icyemezo cy'ubuziranenge bw'ibikomoka ku bimera

Icyemezo cy'ubuziranenge bw'ibikomoka ku bimera cyemeza ko ibicuruzwa bikomoka ku bimera (imboga, intete n'imbuto) byasobanuwe kuri icyo cyemezo bitarimo udukoko twangiza cyangwa indwara z'ibimera. By'umwihariko, umugenzuzi wabiherewe uburenganzira aba yasanze umusaruro:
(a) upfunyitse neza mu bikoresho bipfunyika bitarangwamo ibyateza indwara
(b) utarimo udukoko dutera indwara, indwara cyangwa ibyatsi bibi.

Abacuruzi bakora mu buryo bw'ubucuruzi bworoheje basonerwa icyemezo cy'ubuziranenge bw'ibikomoka ku bimera. Nyamara, ibicuruzwa bohereza mu mahanga bigomba gukorerwa igenzurwa ry'ubuziranenge bw'ibikomoka ku bimera bigakorwa n'umugenzuzi wabiherewe uburenganzira.

Icyemezo cy'ubuziranenge bw'ibikomoka ku bimera gishobora kuboneka mu bigo byemewe biri ku rutonde rukurikira mu bihugu bitandukanye by'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba. Amafaranga yishyunzwa muri buri gihugu guhera muri Nzeri 2021 nayo aragaragara kuri urwo rutonde.

Igihugu	Ikigo	Ikiguzi
Burundi	Ishami rya minisiteri rishinzwe kurengera ibimera (Minisiteri y'ibidukikije, ubuhinzi n'amatungo)	
Kenya	Serivisi y'ubugenzuzi bw'ubuzima bw'ibimera muri Kenya (KEPHIS)	KES 1,000 (ahinduka)
Rwanda	Agashami gashinzwe ubugenzuzi no gutanga ibyemezo (MINAGRI)	RWF 2,000
Tanzaniya	Igice gishinzwe kwita ku biribwa (Minisiteri y'ubuhinzi)	TZS 35,700
Uganda	Serivisi ishinzwe kugenzura ibimera (Minisiteri y'ubuhinzi, inyamaswa inganda n'uburobyi)	UGX 5,000 (ubusabe) UGX 20,000 (igenzura)
Sudani Y'epfo	South Sudan National Bureau of Standards	

4.3 Icyemezo cy'Ubuzima bw'Inyamaswa

Icyemezo cy'ubuzima bw'inyamaswa gitangwa na serivisi z'ubuvuzi bw'amatungo zemewe mu gihugu haba ku cyicaro cy'ubuyobozi bw'ubuvuzi bw'amatungo cyangwa muri minisiteri ishinzwe kugenzura amatungo *(reba imbonerahamwe ikurikira yerekana urutonde rw'ibigo bishinzwe ubuzima n'ubuziranenge mu bihugu by'Afurika y'iburasirazuba)*. Nta sonerwa ribaho ku nyamaswa nzima/inkoko zitumijwe mu mahanga.

4.4 Icyemezo cyangwa uruhushya rwo gutumiza ibicuruzwa mu mahanga

Icyemezo (uruhushya) cyo gutumiza ibicuruzwa mu mahanga gitanzwe n'ikigo cya Leta cyemewe mu gihugu gitumiza ibicuruzwa mu mahanga cyemeza ko ibicuruzwa byavuzwe ku cyemezo (uruhushya) byujuje ibyangombwa by'ubuzima n'isuku/ubuziranenge bw'ibikomoka ku bimera kandi ko nta kibazo byatera abantu igihe babirya.

Bitangwa ku bicuruzwa/inyamaswa byujuje ibyangombwa bisabwa kugira ngo hatangwe icyemezo cyo kuzuza ibisabwa, icyemezo cy'ubuziranenge bw'ibikomoka ku bimera cyangwa icyemezo cy'ubuzima bw'inyamaswa. Muri Tanzaniya, ibicuruzwa bitumizwa mu mahanga bigomba no kuba byemejwe ko bidafite imirasire yangiza.

Abacuruzi bakora mu buryo bw'ubucuruzi bworoheje bashobora gusonerwa kubona icyemezo cyangwa uruhushya rwo gutumiza ibicuruzwa mu mahanga ku bicuruzwa byangirika bikomoka ku bihingwa. Ariko, ibicuruzwa bikomoka ku bihingwa batumijwe mu mahanga bigomba kugenzurwa n'umukozi wa gasutamo yo mu gihugu cyabitumije mu mahanga.

Icyemezo cyo gutumiza ibicuruzwa mu mahanga gishobora kuboneka mu bigo byemewe biri ku rutonde rukurikira mu bihugu bitandukanye by'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba. Amafaranga yishyunzwa muri buri gihugu guhera muri Nzeri 2021 nayo aragaragara kuri urwo rutonde

Igihugu	Ikigo	Ikiguzi
Burundi		
Kenya	Serivisi y'ubugenzuzi bw'ubuzima bw'ibimera muri Kenya	KES 1,400
Rwanda	Agashami gashinzwe ubugenzuzi no gutanga ibyemezo	Ntacyo
Tanzaniya	Igice gishinzwe kwita ku biribwa	TZS11,592
Uganda	Minisiteri y'ubuhinzi, inyamaswa inganda n'uburobyi	UGX 5,000 (ubusabe) UGX 20,000 (igenzura)
Sudani Y'epfo	Republic of South Sudan Ministry of Trade and Industry	

4.5 Icyemezo cyo Kutagira Imirasire yangiza

Iki ni igisabwa ku bicuruzwa byose biribwa byatumijwe mu mahanga bijya muri Tanzaniya. Icyemezo gitangwa na Komisiyo ishinzwe ingufu za kirimbuzi muri Tanzaniya.

Inzego nkuru za Leta zigira uruhare mu kwita ku biribwa, inyamaswa n'ubuzima bw'abantu n'ubuziranenge mu bihugu bigize umuryango w'Afurika y'iburasirazuba

(Aho byavuye: incamake y'Igitabo kigenewe abacuruzi b'abagore bakora ubucuruzi buto n'ubuciriritse bwambukiranya imipaka n'abatanga serivisi mu muryango w'Afurika y'iburasirazuba)

Igihugu gifatanya-bikorwa mu mury-ango w'Afurika y'iburasirazuba	Inzego nkuru za Leta
Burundi	• shami rishinzwe kurengera ibimera rigengwa na Minisiteri y'ubuhinzi, amatungo n'uburobyi – mu gutumiza ibihingwa, ibinyampeke (nk'ibigori byatunganyirijwe mu nganda/ impungure, ibishyimbo, n'ibindi), intete, amatungo n'amafi • Ikigo cy'igihugu gishinzwe ubuziranenge no kugenzura ubwiza mu Burundi – mu gutumiza mu mahanga ibiribwa byatunganyirijwe mu nganda, imiti n'ibicuruzwa byatunganyirijwe mu nganda.

Kenya	• Serivisi y'ubugenzuzi bw'ubuzima bw'ibimera muri Kenya (KEPHIS), igengwa na Minisiteri ifite ubuhinzi mu nshingano zayo – mu gutumiza mu mahanga intete, ibinyampeke n'ibihingwa • Ikigo cy'igihugu gishinzwe ubuziranenge muri Kenya (KEBS) – mu gutumiza mu mahanga ibiribwa byatunganyirijwe mu nganda, imiti n'ibicuruzwa byatunganyirijwe mu nganda • Ishami rishinzwe uburobyi (DFR), muri minisiteri ifite iterambere ry'uburobyi mu nshingano zayo – mu gutumiza amafi mu mahanga • Ishami rishinzwe serivisi z'ubuvuzi bw'amatungo (DVS), rigenzurwa na Minisiteri ifite iterambere ry'amatungo mu nshingano zayo – mu gutumiza mu mahanga amatungo n'izindi nyamaswa. • Ishami rishinzwe ubuziranenge n'ubwiza bw'ibiribwa, rigengwa na minisiteri ifite ubuzima bwa rubanda mu nshingano zayo - mu gutumiza mu mahanga ibinyampeke, ibiribwa byatunganyirijwe mu nganda n'imiti
Rwanda	• Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi – mu gutumiza mu mahnga intete, ibinyampeke, ibihingwa, amatungo n'izindi nyamaswa • Minisiteri y'ubuzima – mu gutumiza mu mahanga ibiribwa byatunganyirijwe mu nganda n'imiti • Ikigo cy'igihugu gishinzwe ubuziranenge mu Rwanda (RSB) – mu gutumiza mu mahanga ibiribwa byatunganyirijwe mu nganda, imiti n'ibicuruzwa byatunganyirijwe mu nganda

Tanzaniya	• Ubuyobozi bushinzwe imiti n'ibikoresho by'ubuvuzi (TMDA) – mu gutumiza mu mahanga ibiribwa byatunganyirijwe mu nganda, ibinyampeke n'imiti • Ikigo cy'igihugu gishinzwe ubuziranenge muri Tanzaniya (TBS) – mu gutumiza mu mahanga ibiribwa byatunganyirijwe mu nganda, imiti n'ibicuruzwa byatunganyirijwe mu nganda • Komisiyo ishinzwe ingufu kirimbuzi muri Tanzaniya (TAEC) – Ibiribwa byose byatumijwe mu mahanga byatunganyirijwe mu nganda bijya muri Tanzaniya bigomba kugenzurwa n'iyi komisiyo harebwa imirasire • Ishami rishinzwe uburobyi rya Minisiteri y'iterambere ry'amatungo n'uburobyi – mu gutumiza amafi mu mahanga • Ministeri y'ubuhinzi – mu gutumiza mu mahanga ibiribwa byatunganyirijwe mu nganda n'ibinyampeke • Ubuyobozi bushinzwe Kureba Ubuzima bw'ibimera muri Tanzania (TPHA) – mu gutumiza mu mahanga intete n'ibimera • Ikigo gishinzwe serivisi z'ubuvuzi (DVS) igengwa na Minisiteri y'iterambere ry'amatungo n'uburobyi (MLDF) – mu gutumiza mu mahanga amatungo n'izindi nyamaswa
Uganda	• Minisiteri y'ubuzima – mu gutumiza mu mahanga ibiribwa byatunganyirijwe mu nganda n'imiti • Minisiteri y'ubuhinzi, Inyamaswa Inganda n'uburobyi (MAAIF)– mu gutumiza mu mahanga ibinyampeke, ibimera, intete,amafi, amatungo n'izindi nyamaswa • Ikigo cy'igihugu gishinzwe ubuziranenge muri Uganda (UNBS) –mu gutumiza mu mahanga ibiribwa byatunganyirijwe mu nganda, imiti n'ibicuruzwa byatunganyirijwe mu nganda

5. Ifishi yifashishwa mu gusuzuma imizigo

Ku mipaka imwe n'imwe yo mu bihugu by'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba (urugero: Busiya na Malaba Uganda), abacuruzi batumiza ibicuruzwa mu mahanga bakora mu buryo bw'ubucuruzi bworoheje bashobora kumenyekanisha umusaruro ukomoka k'ubuhinzi watumijwe mu mahanga nk'ibicuruzwa byabo bwite bidakeneye gushyirwa muri gahunda y'imikorere ya gasutamo mu gukora imenyekanisha ku mupaka. Muri ubu buryo, abacuruzi

ntibakeneye serivisi z'umukozi ushinzwe gukora imenyekanisha. Ahubwo, impapuro za ngombwa zikenewe zishobora kuzuzwa n'umukozi wa gasutamo cyangwa umukozi wahuguwe ukorera Ahatangirwa Amakuru y'Ubucuruzi.

y'icyitegererezo y'ifishi yifashishwa mu gusuzuma imizigo


ASYCUDA

1 DECLARATION
UGBUS RADDEx No.
BUSIA
Customs Reference
3 Forms 4 Load List
Manifest
5 Items 6 Nbr packages 7 Reference number
2021
2 Exporter No.
8 Consignee No.
9 Financial No.
11 Trading cty.
13 C.A.P.
14 Declarant No.
15 Country of export
15 C.E. Code
17 C.D. Code
16 Country of origin
17 Country of destination
19 Ctr.
20 Delivery terms
21 Identity and nationality of active means of transport crossing the border
22 Currency & total amount invoced
0.00
23 Exch. rate
0.00
24 Nature of transac.
25 Mode transport at border
26 Inland mode Transport
28 Financial and banking data Bank Code
Terms of payment
30 Location of goods
31 Packag... and description of goods
Marks and numbers - Containers No(s) - Number and kind
Marks & no of packages
Nbr & Kind
Containers No(s)
32 Item 1 No.
MVR
33 Commodity code
34 Cty. orig. Code
35 Gross mass (kg)
36 Prefer.
37 PROCEDURE
38 Net mass (kg)
39 Quota
40 Summary declaration / Previous document S/L
41 Supplementary units
44 Add. info Documents Produced Certificates and autho-rization
Licence No D.Val D.Qty
0+0+0+0-0
A.D.
Prev. Warehouse
A.I. Code
46 Statistical value
0
47 Calcul-ation of taxes
Type Tax base Rate Amount MP
Total
48 Deferred payment
49 Identification of warehouse
B ACCOUNTING DETAILS
Mode of payment CASH
Assessment number Date
Receipt number Date
Guarantee Date
Total fees UGS
Total declaration UGS
50 Principal No.
Signature
Warehouse Declarant No.
51 Intended offices of transit and country
Represented by
Place and date
Declarant Third Party
Location of destination
52 Guarantee not valid for
Code
D CONTROL BY OFFICE OF DESTINATION
Stamp:
Signature
54 Declaration I/We Fridah Kankoma
the undersigned, being the Agent do hereby declare that information declared on entry is true,complete & accept fully conditions & requirements attached to the use of CPC declared therein & comply with provisions of EACCMA

6. Inyandiko yihagije itangwa n'ubuyobozi

Abacuruzi bacuruza mu buryo busanzwe bwo kohereza/gutumiza ibicuruzwa mu mahanga mu bihugu by'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba (badakora ubucuruzi mu buryo bworoheje), basabwa gukorana n'umukozi ushinzwe

kumenyekanisha ibicuruzwa akaba ari we wuzuza inyandiko yihagije itangwa n'ubuyobozi (SAD) mu izina ryabo.

Inyandiko yihagije itangwa n'ubuyobozi (SAD) ni inyandiko imwe y'imenyekanisha ry'ibicuruzwa byatumijwe mu mahanga ikubiyemo ibintu byose byihariye biranga ibicuruzwa. Ikoreshwa ku biro by'imipaka ihuriweho.

Icyitegererezo cy'inyandiko yihagije itangwa n'ubuyobozi mu bihugu by'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba

EAST AFRICAN COMMUNITY

C.17 B
CUSTOMS
Page 1 of ……

SINGLE ADMINISTRATIVE DOCUMENT (SAD) - SIMBA

1 Exporter /Consignor	TIN/PIN	2. Processing Office	3. Frontier office	4. Regime code
		5. Voyage/Flight/Vehicle No.	6. Date of arrival/departure.	FOR OFFICIAL USE Entry Number and Date
		7. Manifest Number	8. AWB/BL/RCN No.	9. Country of Consignment
10. Importer / Consignee	TIN/PIN	11.Ctry of last Consign / 1st Dest.	12.Country of final Destination	13..Port of Destination
		14. Place of discharge/Loading	15.Mode of transport	16. Nationality of Transport
		17.Vehicle owner/Driver	18. Seal Number(s)	19.Country of Transit
		20.Total Number of Items	21.Total Packages	22.Total Gross Weight
23. Declarant / Agent	TIN/PIN	24. Location of Goods	25. Warehouse code	26. Period in W/hse/Transit
		27.Valuation method	28. Total F.O.B Value	29.Terms of Delivery
		30.Terms of Payment	31. Account Number .	32.Bank / Branch Reference
	Declarant Ref. No.	33. Bond Security Number	34. Bond/Cash Amount	35. Total Freight
36. Total Insurance	37. Total Other Charges	38. Total Customs Value	39. Other information	

Item 01					
40. (a) Shipping Marks & Nos./Container Nos.		(c) Commodity code	(d) C.P.C	(e) Gross Weight	(f) Net Weight
(b) Goods Description		(g) 1st Supp. Qty.	(h) Units 1st Supp Qty	(i) 2nd Supp. Qty.	(j) Units 2nd Supp Qty
		(k) Type of packaging	(l) No. Packages	(m) Country of Origin	(n) Preference code
(o) License Number	(p) License Value / Qty	(q) Value/Qty Deducted	(r) FOB Value	(s) Freight	(t) Insurance
(u) Other Charges	(v) Currency Code	(w) Exchange Rate	(x) CIF Value	(y) Customs Value	

41. REVENUE INFORMATION				43. Attached documents		44. Preceding Documents Ref.
(aa) Tax Type	(bb) Tax Base. / Value	(cc) Rate	(dd) Tax Due	45a. Code	45b. Number	
I						
Ii						
Iii						
Iv						
V				(ee) Total Tax due on this item		

46. SUMMARY TOTALS	i	ii	iii	iv	v	47. Other Charges	
						47a. Code	47b. Amount
This Page							
Other Pages							
Totals							

48. Grand Totals (Duties, Taxes and Other charges)

49. Declaration

I/We ……the undersigned of. ……. (Company name)
Being the Agent/Principal of. ……. (Importer/Exporter) do hereby declare that the information and particulars declared herein are true and complete.

Signature and Stamp…….. Place…….. Tel/Fax……..

FOR OFFICIAL USE	
PROPER OFFICER	CASH /CHEQUE Amount Paid …… Receipt Number and Date …… Cashier's Signature and Stamp ……

4

IBIKORWA MU KOHEREZA/GUTUMIZA IBICURUZWA MU BIHUGU BY'UMURYANGO W'AFURIKA Y'IBURASIRAZUBA

Abakora mu buryo bw'ubucuruzi bworoheje ku mupaka uhuriweho

Mu gihe umucuruzi ari ku mupaka uhuriweho, hakorwa ibi bikurikira mu kohereza mu mahanga umusaruro w'ubuhinzi ugisarurwa uva mu gihugu kimwe cy'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba ujya mu kindi ariko mu buryo bw'ubucuruzi bworoheje.

1. Umucuruzi agera ahakorerwa igenzura ry'ibicuruzwa mu gihugu cyatumije ibicuruzwa mu mahanga.

AHO GUSHYIKIRA

KWEREKANA INYEMEZABUGUZI

Umucuruzi yerekana inyemezabuguzi y'ibicuruzwa, urutonde rw'ibipakiwe (niba ruhari), icyemezo cyoroheje cy'inkomoko, uruhushya rwo gutumiza ibicuruzwa mu mahanga n'urw'ubuzima, icyemezo cyo kuzuza ibisabwa cyangwa icyemezo cy'ubuziranenge bw'ibikomoka ku bimera (ibyo aribyo byose) bikerekwa umukozi wa gasutamo yo mu gihugu gitumiza ibicuruzwa mu mahanga.

2.

3. Ibicuruzwa bikorerwa igenzura ry'uko bimeze n'ubundi bugenzuzi ubwo aribwo bwose busabwa

KUGENZURA IBICURUZWA

IMENYEKANIS GASUTA

Umukozi wa gasutamo ate imenyekanis kuri gasutam rishobora ku urupapuro rukorerwaho isuzuma ry'in y'umuntu ku kandi agasuz amafaranga a yo yose asab

SHA RYA
AMO

egura
ha ryo
o (iri
ba

mizigo
giti cye)
tuma
ayo ari
wa.

4.

5.

Umucuruzi yishyura amafaranga muri banki

KWISHYURA AMAFARANGA KURI BANKI

KWEREKANA INYEMEZABWISHYU

Umucuruzi yereka inyemezabwishyu akuye muri banki ushinzwe gasutamo

6.

7.

Ibicuruzwa bikarekurirwa umucuruzi.

IBICURUZWA BIRAREKUWE

Ku bakora mu buryo bw'ubucuruzi bworoheje ku mipaka ibiri idahuriweho

Ku mupaka udafite aho gukorera ibikorwa by'umupaka hahuriweho, ibicuruzwa, ibinyabiziga n'abantu basabwa kuzuza ibigomba gukorwa mu kumenyekanisha ku mpande zombi z'umupaka.

Mu gihugu cyohereza ibicuruzwa mu mahanga

1. Umucuruzi agera ahakorerwa igenzura ry'ibicuruzwa mu gihugu cyohereje ibicuruzwa mu mahanga.

AHO GUSHYIKIRA

KWEREKANA INYEMEZABUGUZI

2. Umucuruzi yereka inyemezabuguzi y'ibicuruzwa, urutonde rw'ibipakiwe (niba ruhari) umukozi wa gasutamo

3. Umukozi wa gasutamo asuzuma agaciro k'ibicuruzwa

GUSUZUMA AGACIRO

KONGERA KU IBICURUZ

Umukozi wa gasutamo (cy ushinzwe am ku bucuruzi a yemejwe na gasutamo) ag ko ibicuruzwa rutonde rw'ib wa bisanzwe bigurishwa

UREBA
WA

angwa
akuru
aho

genzura
a biri ku
icuruz-

4.

5.

Umukozi wa gasutamo (cyangwa ushinzwe amakuru ku bucuruzi aho yemejwe) yuzuza icyemezo cyoroheje cy'inkomoko

KUZUZA ICYANGOMBWA CYOROHEJE CY'INKOMOKO

KWEREKANA ICYANGOMBWA CYOROHEJE CY'INKOMOKO

Umucuruzi ashyikiriza urupapuro rwerekana imenyekanisha rya gasutamo n'icyemezo cyoroheje cy'inkomoko umugenzuzi w'ubuzima n'ubuziranenge kuri icyo cyiciro cy'ibicuruzwa (Umugenzuzi w'ubuzima cyangwa w'ubuziranenge bw'ibikomoka ku

7.

Umugenzuzi w'ubuzima n'ubuziranenge agenzura ibicuruzwa kandi agatanga inyandiko irekura ibicuruzwa yerekana ko ibicuruzwa byujuje ibyangombwa by'ubuzima n'ubuziranenge bikenewe

ABASHINZWE UBUZIMA & UBUZIRANENGE BAGENZURA IBICURUZWA

8. Umucuruzi yerekana inyandiko irekura ibicuruzwa k'umukozi wa gasutamo, nawe agatanga inyandiko yo gusohoka igahabwa umucuruzi

GUHABWA URUPAPURO RWO GUSOHOKA

KWAMBUKA UMUPAKA

Umucuruzi yambuka umupaka n'ibicuruzwa mu gihugu cyatumije ibicuruzwa mu mahanga. 9.

Ku bakora mu buryo bw'ubucuruzi bworoheje ku mipaka ibiri idahuriweho

Mu gihugu gitumiza ibicuruzwa mu mahanga

1. Umucuruzi agera ahakorerwa igenzura ry'ibicuruzwa mu gihugu cyatumije ibicuruzwa mu mahanga.

AHO GUSHYIKIRA

KWEREKANA INYEMEZABUGUZI

Umucuruzi yereka inyemezabuguzi y'ibicuruzwa n'icyemezo cyoroheje cy'inkomoko bikagenzurwa 2.

3.

Umukozi wa gasutamo asuzuma inyandiko, akagenzura ibicuruzwa, agasuzuma agaciro, agategura imenyekanisha rya gasutamo (iyi ishobora kuba ifishi yo gusuzuma imizigo y'umuntu ku giti cye) kandi agasuzuma amafaranga yose agomba kwishyurwa (urugero nk'umusoro ufatirwa).

GUSUZUMA AGACIRO

KWEREKANA I CYANGOMBWA CYOROHEJE CY'INKOMOKO

Umucuruzi atanga urupapuro rwerekana imenyekanisha rya gasutamo, icyemezo cyoroheje cy'inkomoko hamwe n'inyandiko irekura ibicuruzwa itangwa n'igihugu cyohereza ibicuruzwa mu mahanga k'umu-genzuzi w'ubuzima n'ubuziranenge mu gihugu gitumiza ibicuruzwa mu mahanga

4.

5.

Umugenzuzi w'ubuzima n'ubuziranenge agenzura ibicuruzwa kandi agatanga icyemezo cyo gutumiza ibicuruzwa mu mahanga kikajyana n'icyemezo cy'ubuzima cyangwa icyemezo cy'ubuziranenge bw'ibikomoka ku bimera hamwe n'inyandiko yo gusohora ibicuruzwa, byerekana ko ibicuruzwa byujuje ibyangombwa by'ubuzima n'ubuziranenge bukenewe.

ITANGWA RY'ICYEMEZO CYO GUTUMIZA IBICURUZWA MU MAHANGA

KWISHYU UR

Umuc umuso iyo bil



Mu buryo bworoheje bw'ubucuruzi (STR), hashobora gukorwa irengayobora. Urugero mu buryo bworoheje bw'ubucuruzi, abacuruzi bafite ibicuruzwa bifite agaciro k'amadorari y'Amerika 2000 cyangwa munsi yayo bashobora kudasabwa kwerekana ibyemezo byo kohereza ibicuruzwa mu mahanga, ibyemezo by'ubuziranenge bw'ibikomoka ku bimera n'impushya zo gutumiza ibicuruzwa mu mahanga. Ibi ntibisobanura ko abacuruzi bakora mu buryo bw'ubucuruzi bworoheje bemerewe kohereza/gutumiza mu mahanga umusaruro ugisarurwa ukomoka k'ubuhinzi utujuje ubuziranenge bw'ibikomoka ku bimera.

Ibicuruzwa byose bigisarurwa bikomoka ku buhinzi birasuzumwa kandi bigomba kuba byujuje ubuziranenge bw'ibikomoka ku bimera ariko, bitewe n'ubucuruzi bucirititse buri mu buryo bw'ubucuruzi bworoheje kimwe n'ibindi bikorwa byinshi by'ubucuruzi, ibyemezo byo kohereza ibicuruzwa mu mahanga, ibyemezo by'ubuziranenge bw'ibikomoka ku bimera hamwe n'impushya zo gutumiza ibicuruzwa mu mahanga ntabwo bitangwa kuri buri gikorwa cyo mu buryo bw'ubucuruzi bworoheje.

5

AMAKURU Y'INGENZI KU MISORO

Ishyirwaho ry'isoko rusange ry'ibihugu by'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba ryatumye bishoboka ko ibicuruzwa byera cyangwa bikorerwa muri uwo muryango bisonerwa imisoro iyo byoherejwe mu kindi gihugu cy'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba.

Ni ngombwa ariko, kumva ko gusonerwa imisoro ku bicuruzwa bitumizwa mu mahanga bitavuga kimwe no kuba nta musoro ubaho. Imisoro imwe n'imwe yo mu gihugu ishobora n'ubundi gukenera kwishyurwa mu gihugu gitumiza ibicuruzwa mu mahanga.

- Amahoro ku bicuruzwa byatumijwe mu mahanga ni imisoro yishyurwa ku bicuruzwa bitumizwa mu mahanga. Umusoro uziguye, umusoro nyongeragaciro (TVA) n'umusoro ku nyungu ni imisoro yo mu gihugu imbere. Umusoro uziguye hamwe n'umusoro nyongeragaciro isanzwe yishyurwa ibicuruzwa biribwa byatunganyirijwe mu nganda.
- Umusoro ku nyungu uteganijwe kwinjizwa ku bicuruzwa bitatunganijwe bizagurishwa mu gihe kizaza, ibicuruzwa byangirika bikomoka ku buhinzi, ushobora kwishyurwa mu buryo bwo gufatira umusoro.
- Ibihugu byose byo mu muryango w'Afurika y'iburasirazuba usibye Kenya hishyurwa imisoro ifatirwa ku nyungu ziteganijwe mu kugurisha ibicuruzwa byatumijwe mu mahanga.
- Abacuruzi bo mu bihugu by'Afurika y'iburasirazuba bakorera ubucuruzi mu bihugu by'Afurika y'iburasirazuba, bacuruza ibyangirika bikomoka ku buhinzi byahinzwe muri Afurika y'iburasirazuba bagomba kwanga kwishyura igihe basabwe kwishyura amahoro y'ibyatumijwe mu mahanga, imisoro iziguye cyangwa umusoro nyongeragaciro.
- Ariko abacuruzi bo mu bihugu by'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba bacuruza ibikomoka k'ubuhinzi byangirika bashobora gusabwa kwishyura imisoro ifatirwa mu gihugu gitumiza ibicuruzwa mu mahanga.

Buri gihe saba urutonde rusobanutse rw'amafaranga anyuranye uri gusabwa kwishyura

Inyungu zo kugira nimero iranga abasora
Abacuruzi bafite nimero iranga abasora (TIN cyangwa PIN) bashobora kwishyura imisoro ku bikorwa byabo ako kanya k'ubuyobozi bw'imisoro (hakoreshejwe kubitsa muri banki, hakoreshejwe telefoni cyangwa imashini yikoresha mu gutanga amafaranga: ATM) batabanje guha amafaranga ubibakorera cyangwa ubundi buryo ubwo aribwo bwose bwakwifashisha intumwa. Gukoresha uburyo bw'ikoranabuhanga mu kwishyura bigabanya cyane amahirwe yo gusabwa cyangwa kwakwa ruswa bityo ubu buryo bukagira uruhare mu kurwanya ruswa.

Abacuruzi biyandikishije mu basora mu bihugu batumizamo ibicuruzwa mu mahanga ntibakunze gusabwa kwishyura imisoro ifatirwa ku iteganijwe ku bicuruzwa biva mu mahanga aho binjirira, iyo bafite inyandiko bishyuriraho imisoro y'kigo cy'igihugu gishinzwe imisoro. Ibi bigaragara nk'ibyiza kubasora biyandikishije.

Byongeye kandi, abasora biyandikishije bujuje ibyangombwa byo gutoranywa nk'abakora imirimo y'ubukungu bemewe(AEOs) bungukira mu kubona serivisi zihuse mu kumenyekanisha kuri gasutamo ndetse n'amabwiriza make mu atangwa n'ikigo cy'igihugu gishinzwe imisoro nk'uko byavuzwe mu gice kibanza cy'iki gitabo.

Abacuruzi batiteguye kubona nimero zabo ziranga abasora (TIN / PIN) bagomba kuzirikana kwinjira muri koperative y'abacuruzi bambukiranya imipaka yanditswe ishobora kwemerera umucuruzi utanditse gucuruza akoresheje nimero iranga usora ya koperative, hamwe n'inyungu zijyanye nayo zavuzwe haruguru.

6

INYANDIKO ZEMEWE Z'INGENDO

Ikiyongera k'ukugira impapuro zuzuye zo kohereza / gutumiza ibicuruzwa mu mahanga, umucuruzi agomba kugenda afite ibyangombwa by'ingendo bisabwa niba arenga umupaka ajya mu kindi gihugu cy'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba.

Abatuye mu karambararo ka kilometero icumi z'umupaka wo kwambukiraho wanditse mu igazeti, bemerewe kugenda mu bwisanzure nta byangombwa by'inzira byemewe. Ariko, abatuye aharenze kilometero icumi, abacuruzi bambukiranya umupaka mu bihugu by'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba bajya mu kindi gihugu cy'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba bagomba kuba biteguye kwerekana ibyangombwa byemewe byo kugenda kandi byashyizweho kashe ijyanye nabyo mu gihe babisabwe.

Inyandiko zemewe z'ingendo mu bihugu by'Afurika y'iburasirazuba

Igihugu	Pasiporo	Ikarita ndangamuntu	Jeto yo kwinjira hagati mu bihugu	Viza	Icyemezo cyo kwikingiza "Yellow Fever"	Kwipimisha COVID
Burundi	X			X	X	X
Kenya	X	X	X	X	X	X
Rwanda	X	X	X	X	X	X
Tanzaniya	X			X	X	X
Uganda	X	X	X	X	X	X
Sudan Y'epfo	X			X	X	X

Abaturage ba Kenya, u Rwanda na Uganda bashobora kwinjira muri buri gihugu bafite ikarita ndangamuntu hamwe na jeto ibemerera kwinjira muri ibyo bihugu iteyeho kashe.

U Burundi, Kenya, u Rwanda, Tanzaniya na Uganda batanga viza yo kwinjira ku bagiye gusura igatangwa ku buntu ku baturage bo mu bihugu bigize umuryango w'Afurika y'iburasirazuba. Guhera ku ya 1 Ukwakira 2021, Sudani y'epfo yahagaritse kwishyuza amafaranga ya viza ku baturage bo mu bihugu by'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba.

7

AMABWIRIZA Y'UMURYANGO WITA K'UBUZIMA KW'ISI KURI COVID-19

Icyorezo cya COVID-19 cyagize ingaruka mbi ku isi yose. Mu rwego rwo kurinda abaturage ibishobora kubagwirira bitateganijwe, ibihugu byinshi byashyizeho amategeko abuza ingendo,byatumye ubucuruzi buhagarara. Uko amakuru menshi yagiye aboneka ku cyorezo ibihugu byashoboye gusobanura uburyo bwakoreshwa ngo urujya n'uruza rw'abantu ndetse n'ibikorwa by'ubukungu byongere gutangira. Amabwiriza akomeza kuvugururwa bitewe n'ibiriho.

Mu bihugu by'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba ingamba nyinshi zemeranijweho. Ariko, ubwambere ingamba zibanze cyane cyane ku bacuruzi banini zirengagiza ibigo by'ubucuruzi bito cyane, bito n'ibiciriritse. Ibi bintu byatangiye guhinduka buhoro buhoro. Urebye ko ingamba zikomeza guhinduka, iki gice kiribanda ku byifuzo by'umuryango wita k'ubuzima ku isi ku myitwarire n'ubwirinzi bw'umuntu ku giti cye, bitagomba guhinduka.

1. Karaba intoki zawe kenshi;
2. Sukura intoki zawe buri gihe kandi witonze ukoresheje imiti yica udukoko ikozwe muri alukolo cyangwa ukarabe n'amazi n'isabune.
3. Gusiga intera hagati y'abantu;
4. Siga byibuze intera ya metero 1 (fiti 3) hagati yawe n'umuntu wese urimo gukorora cyangwa kwitsamura.
5. Irinde gukora ku maso, ku zuru n'umunwa. Kubera iki? Intoki zikora ku bintu byinshi zikaba zahandurira za virusi. Iyo intoki zimaze kwandura, zishobora kwanduza izo virusi mu maso yawe, amazuru cyangwa umunwa.
6. Witoze kugira isuku y'imyanya y'ubuhumekero;
7. Menya neza ko wowe, hamwe n'abantu bagukikije, mukurikiza neza isuku y'imyanya y'ubuhumekero. Ibi bivuze gupfuka umunwa n'izuru ukoresheje inkokora yawe cyangwa igitambaro mu gihe mukorora cyangwa mwitsamura.
8. Niba ufite umuriro, inkorora kandi uhumeka bigoranye, jya kwa muganga kwivuza hakiri kare; no
9. Kuguma murugo niba wumva utameze neza. Niba ufite umuriro, inkorora no guhumeka bigoranye shaka uburyo bwo kubona ubuvuzi uhamagaye mbere niba bishoboka.

8

AHO KUJYA GUSHAKIRA UBUFASHA

Hari ahantu henshi umucuruzi ashobora kujya gushakira ubufasha, mu gihe ahuye n'ibibazo yambuka umupaka. Abacuruzi batazi ibisabwa mu bucuruzi bwo mu muryango w'Afurika y'iburasirazuba bashobora guhura na zimwe mu mbogamizi. Urugero, umucuruzi ashobora kugerageza kohereza mu mahanga inyanya zigisarurwa zatewe umuti wica udukoko ariko wangiza ubuzima bw'abantu igihe baba bawuriye. Iki gihe, ugenzura ubuziranenge bw'ibikomoka ku bimera wo mu gihugu cyohereza ibicuruzwa mu mahanga ntazatanga icyemezo cy'ubuziranenge kuko umuntu wese uzarya izo nyanya zizamugwa nabi.

Urundi rugero, umucuruzi ashobora kugerageza kohereza umuceri muri Uganda, mu byukuri uwo muceri waravuye muri Pakisitani ariko waraguzwe muri Tanzaniya. Aha, kubera ko umuceri utigeze uhingwa muri Afurika y'Iburasirazuba ahubwo ukaba warahinzwe muri Pakisitani, umucuruzi ntazashobora kubona icyemezo cyoroheje cy'inkomoko cyemeza ko umuceri wahinzwe muri Tanzaniya. Byongeye kandi, umucuruzi agomba kwishyura imisoro yo gutumiza ibicuruzwa mu mahanga ku muceri uva muri Pakisitani, watumijwe n'igihugu cya Uganda ukanyuzwa muri Tanzaniya.

Ibibazo byavuzwe haruguru n'ibisa nabyo bishobora kwirindwa mu gihe abacuruzi bo mu muryango w'Afurika y'iburasirazuba bashoboye kubona mu buryo bworoshye amakuru ku bisabwa mu bucuruzi bwo mumuryango w'Afurika y'iburasirazuba.

Hamwe mu hantu umuntu ashobora kujya gushakira ubufasha hari ku rutonde rukurikira:

1. Ahatangirwa amakuru y'ubucuruzi ku biro bya COMESA: bihereye ku mipaka imwe n'imwe yo mu muryango w'Afurika y'iburasirazub
2. Ahantu abacuruzi bambukiranya imipaka babika ibicuruzwa: hatanzwe n'inama y'akarere k'Afurika y'burasirazuba yo Guteza Imbere Abagore (EASSI)
3. Amakoperative y'abacuruzi bambukiranya imipaka na/cyangwa ibiro by'amashyirahamwe: bihereye kuri buri mupaka w'ibihugu by'Afurika y'iburasirazuba.

4. Sisitemu y'igihugu yo kugenzura ibibujijwe mu bucuruzi (NTB): Sisitemu abacuruzi bashobora gukoresha mu kumenyesha imbogamizi zijyanye n'ibicuruzwa bitishyura imisoro bahura nazo mu gukora ubucuruzi haba kubinyuza mu butumwa bugufi cyangwa bakohereza urupapuro zuzuzwa hakoresheje interineti. Sisitemu y'igihugu yo kugenzura ibibujijwe mu bucuruzi (NTB) ishobora kwifashishwa mu kumenyekanisha imbogamizi zagaragaye zirebana n'ibi bikurikira:
   i. Iminzani ikoze nk'ikiraro
   ii. Kugenzura ubuziranenge
   iii. Gasutamo
   iv. Abinjira n'abasohoka
   v. Ahantu polisi igenzurira ibicuruzwa biri kujya mu kindi gihugu
   vi. Kwandikisha ubucuruzi n'impushya
   vii. Kugenzura ibimera n'inyamaswa
   viii. Ibikorwa by'umuryango w'Afurika y'iburasirazuba
   ix. Ibindi

Igihugu	Urubuga rwo gutangaho raporo y'ibibujijwe mu bucuruzi
Kenya	http://ntbkenya.meac.go.ke/NTBKENYA/Security/SignIn.aspx
Rwanda	https://tradefacilitation.rw/ntbs/Welcome/nc
Uganda	http://ntbtool.mtic.go.ug/register.php / cyangwa ukoresheje telefoni igendanwa ukanda # 201

EAST AFRICAN COMMUNITY

Published by the East African Community (EAC) Secretariat,
EAC Headquarters, 3 EAC Close, P.O. Box 1096, Arusha, United Republic of Tanzania,
www.eac.int, by Brisk Solution Ltd.
November 2021

Text: Dorothy Tuma

Translations:
Dr. Elizabeth Godwin Mahenge (Kiswahili),
Dr. Amos Mwesigwa Kasule Ssekitto (Luganda),
Jules Kazungu (Kinyarwanda),
Onesime Niyukuri (Kirundi).

Illustration and layout: Semeyian Nassei

Supported by GIZ/EAC through GFA Consulting Group GmbH;
GIZ Programme 'Support to East African Market-Driven and People-Centred Integration',
EAC Headquarters, Arusha, United Republic of Tanzania
(www.giz.de; www.eacgermany.org),
on behalf of the Federal Ministry for Economic Cooperation and Development (BMZ), Germany